ABARINZI B'IGIHANGO 2018-2019

MUSENYERI CELESTIN HAKIZIMANA

Umushumba mwiza utararumangije izaje zikugana kandi ukababazwa n'ibyakorerwaga intama zawe. Wagaragaje ubutwari aho rukomeye wanga gutererana izo waragijwe ubwo amagara yarasumbirijwe abandi basama ayabo.

Ni mwene KAGWIZA Laurent na MUKANDANGA Venantie. Afite impamyabumenyi y'ikirenga muri Tewolojiya (Christologie). Ubu ni Musenyeri wa Diyoseze Gatorika ya Gikongoro. Arangwa no kuba « we ubwe » no kwakirana urugwiro abamugana.

Ku wa 13 Mata 1994 haje imodoka yo guhungisha ababikira n'abapadiri bajya Kabgayi we ntiyasiga abamuhungiyeho.

Yarengeye abamuhungiyeho barenga 2000 kandi nta yindi ntwaro yifashishije uretse umutima w'ubumuntu, ubwitange no gutanga amafranga ku nterahamwe, n'ikanzu y'umupadiri.

Yakomeje gushakira abamuhungiyeho amazi, ibiribwa n'imiti kugeza Inkotanyi zije kubarokora mu ijoro ryo ku wa 16/06/1994.

Umuvandimwe we yaje kumubikira ko bapfushije umubyeyi wabo ntiyajya gushyingura kuko atashakaga gusiga Abatutsi bamuhungiyeho.

Akomeje guteza imbere ibikorwa by'isanamitima no kunga Abanyarwanda muri Diyoseze Gatolika ya Gikongoro. Abamutangira ubuhamya bamwita «Umushumba mwiza utararumangije izaje zimugana, kandi akababazwa n'ibyarimo bibakorerwa». Yakomeje ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yifatanyije n'abarokokeye kuri St Paul. Yahawe Impeta y'Ishimwe yo kurwanya Jenoside ku wa 4/7/2006

MUKANDANGA Dorothée

Umurezi n'umubyeyi waranzwe n'impuhwe, ubupfura igishyika n'urukundo. Wasobanukiwe ko kurera ari ugukunda abo urera ukabatoza imico ya kimuntu n'indangagaciro Nyarwanda .

Ni mwene MUGANGAHUZI Claver na NYIRABUMBA Geneviève. Yaboneye impamyabumenyi ihanitse (Licence) yakuye muri Kaminuza Gatolika ya Louvain la Neuve (UCL) muri " Sciences Medico-Sociales et Hospitalières". Mu gihe cya Jenoside yari umuyobozi w'Ishuri rya "Ecole des Sciences infirmirèes de Kabgayi". Yari umukiristu utajenjetse, umunyakuri, akanga uburiganya n'akarengane,

Yaranzwe no gukunda umurimo unoze; nta macakubiri yamurangaga, yari umuntu ufite ubumuntu akarangwa n'impuhwe, igishyika n'urukundo. Ari mu bashinze umuryango "PAX CHRISTI" wari ugamije amahoro n'ubwumvikane mu Banyarwanda. Yarwanye ku banyeshuri bagera kuri 50 mubo yayoboraga bari basigaye ku ishuri. Yagiriye inama abanyeshuri ko igihe bagiye kuva mu kigo bagiye ku bitaro (aho bakoraga imenyerezamwuga), bagomba kuba bambaye kimwe, kugendera hamwe, bajya no gutaha bagatahira rimwe ku buryo nta kwivangura

kwabarangaga. Indangamuntu yari yarazibambuye arazibabikira kugira ngo hatagira uwayerekana. Yahanganye n'interahamwe zashakaga kwica abo bana no kubafata ku ngufu azibuza kwinjira aho bararaga.

Ku wa 12/05/1994, ahurujwe n'umuzamu, yatabaye abanyeshuri mw'ijoro bari batewe n'abasirikare n'interahamwe. N'ubwo yashoboraga kwitandukanya n'abo yarengeraga, yemeye gushyira ubuzima bwe mu kaga atabara agamije kubarwanaho atesha abari bagiye kwica abanyeshuri. Abicanyi babonye ko yitambika ntibagere ku migambi mibisha yabo bamujyanye mu biro bye barahamutsinda. Urukundo n'ubumwe yatoje abanyeshuri yarashinzwe biracyabaranga mu mibanire yabo muri iki gihe kandi bakomeje kumuhamiriza ubutwari n'ineza byamuranze.

3. RUGAMBA Cyprien

Intore y'u Rwanda, igicaniro cy'umuco nyarwanda wanze ko umuco ucika kandi ariwo muhuza w'Abanyarwanda. Warwanyije politiki y'amacakubiri, wibutsa Abanyarwanda ko ari bene mugabo umwe.

Yavutse mu 1935. Ni mwene BICAKUNGERI Michel na NYIRAKINANI Thérèse. Yize Amateka n'Isesengura ry'Indimi (Linguistique), Filozofi na Tewologiya

Abicishije mu bihangano bye yakanguriye Abanyarwanda indangagaciro z'umuco nyarwanda apfundika ipfundo ry'ubupfura bukuza ubumuntu mu bantu; yakeburaga abategetsi abatoza kurangwa n'imiyoborere izira ruswa, amacakubiri no kwigwizaho ibyarubanda. Ibi tubisanga muri bimwe mu ndirimbo ze nka Umuntu ni nk'undi, Umurage w'intore, Inda nini muyime amayira; Ntumpeho; Umuti w'ubutindi,…..

Ntiyatinye gusaba ko amoko yakurwa mu ndangamuntu kuko ashyira imbere imyemerere ikurikira:« Agaciro k'umuntu niwe ubwe, si ubwoko bwe, si n'aho akomoka». Yanasabye ko ibitangazamakuru bibiba urwango nka RTLM byahagarikwa.

Afatanje n'umugore we MUKANSANGA Dafrosa RUGAMBA yashinze "communauté de l'Emmanuel" agamije guteza imbere ubumwe n'amahoro mu miryango. Iki gikorwa yatangije cyarakomeje kugeza n'ubu .

Ibitekerezo bye byamagana ikibi n'akarengane bigashyira imbere urukundo, amahoro n'agaciro ka muntu mu burenganzira busesuye bwo kwigira byagiye bimugiraho ingaruka mu kazi ka Leta no kugaragara nabi mu maso y'ubutegetsi.

Ku wa 7 Mata 1994 abasirikare barindaga Umukuru w'Igihugu bamwicanye n'umugore we n'abana batandatu.